

UBUHINZI BWA KIYAMBERE BWA KURUJETE



INTANGIRIRO

Kurujete ni ubwoko bw'ibihaza kimwe n' imyungu, watameloni, ibihaza,...

Aho kurujete zikunze kwera

- Zikunze kwera ahantu hashyuha cyane, kuko zihanganira amazi make mu butaka.
- Zikunda ubutaka bufite ifumbire nyinshi (ihagije) byaba n'akarusho burimo urubuye.

Ibikenerwa kuri Are imwe (ari 1):

- Imbutu: Garama 10
- Imborera: ibitebo 10 - 20
- NPK 17-17-17: gr 1000 cyangwa kg 1

ICYICIRO CYA 1. GUTEGURA INGEMWE MU BIHOHO

- Umurama uhumbikwa mu bihoho bifite umurambararo wa cm 7.5 kandi bikoze mu birere cyangwa iby'amashashi yemewe. **Ikirere cy'insina cy'ingabo** nicyo gikorwamo igihoho.
- Ibihoho bipakirwamo itaka n'imborera iboze neza ku ngero za 2:1 (Urugero: Ibitebo bibiri by'itaka bivangwa n'igitebo kimwe cy'ifumbire); bongeramo n'agafumbire gake ka NPK 17-17-17 kangana na garama 5 (agafuniko kamwe ka fanta) muri buri gihoho. Hanyuma,

imbuto ebyiri ziterwa muri buri gihoho ku bujakuzimu bwo guhera kuri cm 0.5 kugera kuri cm1.

- Ibihoho bishyirwa ahantu hatwikiriye kugirango ingemwe zirindwe kwicwa n'izuba ariko ugomba gusiga aho imirasire y'izuba inyura kuko ingemwe ziba zirikeneye ku rugero ruringaniye.
- Ni ngombwa kuvomerera buri munsu mu gitondo kare no kumugoroba.
- Ingemwe ziterwa hashize ibyumweru zifite amababi 2-4 utabariyemo amababi y'ingarama.

Icyitonderwa

Kurujete kandi ishobora guterwa mu murima utanyujije mu buhumbikiro.

Muri icyo gihe,

- *Utubuto 2 nitwo dushyirwa mu mwobo umwe*
- *Iyo twombi tumeze akagemwe ktakuze neza kararandurwa hakagumaho kamwe*

ICYICIRO CYA 2: GUTEGURA UMURIMA NO GUTERA

- Umurima udaherukamo ibihingwa biri mumuryango w'ibihaza nibura nyuma y'ibihe by'ihinga 2 niwo uba ukwiye gutoranywa.
- **Urugero rw'ibihingwa** biri mu muryango w'ibihaza ni nka **kokombure, ibicuma, watermelon, amadegede.**
- Mu cyumweru kimwe mbere yo kugemura umurima wakabaye warahinzwe ugeza isuka ku bujakuzimu bwa cm 15-20, hagakurwamo ibyatsi byose, ibiti n'amabuye. Hanyuma ukaringaniza umurima. Iyo imborera iboneka ihagije, ni byiza kuyinyanyagiza mu murima wose (ibitebo 10 - 20 kuri ari 1 bitewe n'uko ubutaka burumbutse) hanyuma ukayivanga mu butaka ukoresheje isuka.
- Imyobo yo guteramo icukurwa kubugari bwa cm 30 ikavangamwo neza imborera mbere yo gutera.
- Hagati y'umwobo nundi na hagati y'umurongo nundi hajyamo cm 90-100.
- Naho iyo wanyujije mu buhumbikiro, ushyira muri buri mwobo ikiro kimwe cy'imborera (urushyi 1).
- ***Ifumbire igomba kuivangwa neza n'itaka.***
- Nyuma uhita ukura ingemwe mu bihoho maze ukazitera mu myobo yateguwe

ICYICIRO CYA 3. GUKENURA

- **Gusasira:** Ni ngombwa gusasira kurujete hakoreshwa ibyatsi byumye neza.
- Isaso ni nziza, ituma ubutaka bugumana ubuhehere, ikanabuza ibyatsi bibi gukura ikanarinda indwara zituruka mu butaka.
- *Ubuhehere burengeje urugero mu butaka (butose) butuma imizi yangirika (ibora) indwara ziterwa n'uduhumyo zikiyongera iyo ari mu gihe cy'imvura.* Isaso kandi irinda ibihaza kutabara igihe biri gukura cyane m'umvura



- **Kuvomerera:** Nyuma yo gutera ni ngombwa guhita bavomerera. Ibi kandi bikomeza gukorwa igihe cyose imvura itagwa cyangwa idahagije. *Ni ngombwa kuvomerera witonze udatosa amababi kugirango hatabaho kwanduza indwara zituruka mu butaka.*
- **Kubagara:** Kubagara bikorwa igihe cyose ibyatsi bibi bigaragara mu murima.
- **Kongeramo ifumbire y'imvaruganda:** Kugira ngo ubone umusaruro uhagije, ni ngombwa gufumbira uko bikwiye. Kongeramo imvaruganda nka NPK 17-17-17 bigomba gukorwa mu byiciro 2 kugira ngo wirinde kwangiza ibitunga ikimera. Ni byiza kuyishyira aho imizi ishyikira kugira ngo ikoreshwe neza.
- Kongeramo ifumbire bwa mbere: Nyuma y'ibyumweru 3 umaze gutera (kugemura). Hakoreshwa nk'agapfunsi ka NPK 17-17-17 (garama 10) ishyirwa ku muzenguruko aho imizi igarukira, ukarenzaho agataka. Garama 10 za NPK-17-17-17 ni agapfundikizo kuzuye k'icupa ry'amazi ya Nil cg Inyange.
- Ubwa kabiri bikorwa nyuma y'ibyumweru 6, udupfunsi 2 twa NPK



ICYICIRO CYA 5. GUSARURA NO KWITA KU MUSARURO




- Gusarura kurujete kimwe n'izindi mboga, ibyiza bikorwa mu gitondo. Utabishobora ugasarura nimugoroba icyangombwa ni uko umusaruro utawushyira ku zuba.
- Ushobora gukoresha icyuma iyo usarura ari nabyo byiza kuko ugomba gusiga agakondo gato kumutwe bikayirinda kubora vuba
- cyangwa ugasarura intoki. Iyo usarura usarurira mu gitebo cyabugenewe (crate), ibase cyangwa indobo bifite isuku kandi bikaba nta kindi bikoreshwa.
- Usaruye ku zuba cyangwa hari ubushyuhe, ibyiza ni ugushyira kurujete mu gicucu bwa bushyuhe bukagabanuka






Urugero rw'agatebo ko gusaruriramo

Indwara/ibyonyi	Ibiziranga	Uko bazirinda	Uko bazivura	Ibipimo bikoreshwa muri L 20 z'amazi
<p>1.Milidiyu y'ifu (Powdery mildew)</p>	 <p>-Ibidomo cyangwa amabara byeruruka ku mababi bitwikiriwe n'agafu k'ikigina.</p> <p>-Amababi areruruka nyuma akaba umuhundo.</p> <p>-Imitwe y'amababi iruma.</p>	<p>-Gusimburanya neza ibihingwa,</p> <p>-Kuvana mu murima ibisagazwa by'ibihingwa bigakorwamo ifumbire,</p> <p>-Gutera umuti urimo sulfure cyangwa cuivre.</p>	<p>-Gutera umuti urimo sulfure nka Sulfur 80% (Thiovit) cyangwa umuti urimo cuivre nka Kopper oxychloride.</p>	<p>Sulfur 80% (Thiovit) (50-60g) cyangwa umuti urimo cuivre nka Kopper oxychloride (40-60g)</p>
<p>1.Ibidomo ku mababi</p>	 <p>Bikunze kugaraga mu mvura nyinshi</p>	<p>-Gusimburanya neza ibihingwa ,</p> <p>- Kuvana mu murima ibisigazwa by'ibihingwa bigakorwamo ifumbire,</p> <p>-Gutera umuti urimo sulfure cyangwa cuivre.</p>	<p>Victory/Ridomil,</p> <p>Oxychloride de cuivre (urakumira).Mancozeb,</p>	<p>Victory/Ridomil (50g),</p> <p>Oxychloride de cuivre (40-60g), (urakumira)</p>

<p>3.Kirabiranya /(Fusarium wilt)</p>	<p>-Iterwa n'agahumyo ka <i>Fusarium oxysporum</i>. Ikunda gufata ibihingwa biri mu turere dushyushye.</p> <p>-Ikimenyetso cya mbere amababi agenda ararabirana ahereye ku yakuza, nyuma n'imigozi yose igafatwa bikuma.</p> 	<p>-Gukoresha imbuto nziza mu gihe ugiye gutera,</p> <p>-Kuhira ubutaka cyane mugihe cy'izuba,</p> <p>-Gukurikiranya neza ibihingwa.</p> <p>-Kudahinga ibihaza mu murima bivuyemo cyangwa uvuyemo ibihingwa biri mu muryango n'ibihaza,</p> <p>-Gukora ku buryo ubusharire bw'ubutaka bugera nibura kuri 6.5.</p>	<p>Kurandura ibyafashe.</p> <p>Nta muti uvura iyi indwara</p>	
<p>4.Akaribata (anthracnose)</p>	<p>Ni indwara yangiza cyane kurujete n'ibindi bihaza.</p> <p>Ifata ibice byo hejuru y' ubutaka. Igaragazwa n' ibidomo by' ikigina ku mababi akuze, ahafashwe nyuma haruma hakaba umukara ndetse hagatoboka.</p> <p>Ibimenyetso byo ku mababi bishobora no kugaragara no ku gihaza(imyobo y' ikigina ku gihaza).</p> 	<p>- Gutera imbuto zihanganira indwara,</p> <p>-Gusimburanya neza ibihingwa;</p> <p>-Kurandura inzuzi z'ibihaza zimejeje.</p>	<p>-Gutera umuti urimo Mancozeb + Metalaxyl cyangwa gukoresha imiti irimo copper nka Copper oxchloride (40-60g)</p> <p>-Kurandura inzuzi z'ibihaza zimejeje.</p>	<p>Mancozeb + Metalaxyl (50g) cyangwa gukoresha imiti irimo copper nka Copper oxchloride (40-60g)</p>

				
<p>5. Inda/Ubuhu nduguru</p>	<p>Ni agakoko gafite nka mm 1-2 z'uburebure ; gatungwa no kunyunyuzwa ibimera gafasheho. Gafata cyane cyane amababi akiri n'uruti bikiri bito, indabo n'amababi yo hasi.</p> <p>Inda zikwirakwiza virusi nyinshi zitera indwara.</p> <p>Umushongi w'inda ukurura udhumyo tw'umukara dukwikira ikibabi bigatuma kitakore neza ibitungagihingwa.</p>  	<p>-Kubungabunga inshuti z'abahinzi (udukoko turya inda. Urugero: Utunyamacwende, urutambara,...)</p> <p>-Kwirinda guhora ukoresha ubwoko bw'umuti umwe kuko inda ziwumenyera ntizipfe ahubwo zikororoka vuba.</p>	<p>Gutera imiti yica udukoko nka Lambda-Cyhalothrin, Lambda-Cyhalothrin, imidacloprid, acetamiprid, abamectin, nimbecidine (azadirachtin)</p>	<p>Lambda-Cyhalothrin (15-20ml), Imidacloprid (5-10ml), Acetamiprid (5-10ml), Abamectin (10ml), nimbecidine (15ml) (azadirachtin)(60ml)</p>
<p>Phytophthora crown/root rot</p>	<p>Iterwa na Phytophthora capsici.</p> <p>Igice cyo hasi cy'uruti ndetse n'imizi biba ikigina hanyuma bikabora bigapfa. Iyi ndwara ifata ibihaza mu gihe icyari cyo cyose byaba nyuma yo gutera, byenda kwera cyangwa bineze</p>	<p>Kwirinda amazi menshi mu murima w'ibihaza, guhinga mu butaka bwegutse butarekamo amazi, kuhiza amazi meza ndetse no gusimburanya ibihingwa neza wirinda guhita ugaruramo ibihanza vuba, kudatera ibihaza</p>	<p>Gutera imiti nka Mancozeb, Ridomil na Carbendazim</p>	<p>Mancozeb (50g), Ridomil (50g) na Carbendazim (20-25ml)</p>

		ubicucitse cyane.		
<p>Indwara ziterwa na virusi</p>	<p>Virusi mu bihaza zimenyekana kuri ibi bimenyesho bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> • Ibibabi bitangira gusa n’umuhondo uvanze n’ibibara by’icyatsi kibisi kijimye. • Ikimera kiragwingira cyangwa kigakura nabi muri rusange 	<p>Gutera imbuto nziza wizeye ko ari nzima,</p> <p>Kurwanya ubusimba kuko virusi nyinshi zikwirakwizwa n’ubusimba.</p> <p>Gukuramo ibyatsi bibi kuko ubusimba butera virusi bubyihishamo.</p> <p>Ukimara kubona ko igihingwa kirwaye, urakirandura ukagitwika.</p>	<p>Indwara za virusi ntizivurwa iyo zimaze kugera mugihingwa. Gutera imiti yica udusimba tuyikwirakwiza nka Acetemeprid, Lambda cyhalothrin e</p>	<p>Lambda (15-20ml) Acetemeprid (5-10ml)</p>
<p>Ikiyumvuri cy’ibihaza (Cucurbit leaf beetles)</p>	<p>Ibi bivumvuri bikunze kuba oranje bikiri bito bikagira igikoti cyamabara yumuhondo numukara uko bikura. Byangiza indabo n’amababi y’ibihaza birisha hasigara utugozi mumababi.</p> 	<p>Barabitoragura cyane cyane ahari ibihaza bifite imbuto zikiri nto.</p>	<p>Gutera imiti yica udusimba tuyikwirakwiza nka Acetemeprid, Lambda cyhalothrin e</p>	<p>Lambda (15-20ml) Acetemeprid (5-10ml)</p>